# Ubanza mushobora kubona imfashanyo y'ibiza

## FEMA na leta, intara cyangwa guverinoma yimiryango bashobora gutanga imfashanyo y'ibiza kubafite ubwene gihugu, abadafite ubwene gihugu n'abandi banyamahanga bemewe.



Imfashanyo y'ibiza ishobora kuba ukubiyemo amafaranga arimo ubufasha bwo gukodesha inzu bw'igihe gito, gusana inzu, kugura ibintu by'umuntu ku giti cye byononekaye, cyangwa byose ibiza yangije n'ibindi bintu bitari mu bwishingiza bwa asiransi.

Umwene gihugu - Umuntu wavukiye muri imwe mu ntara 50 zigize Amerika, District ya Columbia, Puerto Rico, U.S. Virgin Islands, cyangwa Northern Mariana Islands; umuntu wavukiye hanze ya Amerika nibura umwe mu babyeyi be ari umunyamerika cyangwa se yarahawe ubwenegihugu.

Udafite ubwene gihugu – Umuntu wavukiye aho Amarika (ifite ubutaka nko mu kirwa cya Samoa cyangwa Ikirwa cya Swain) ku munsi cyangwa nyuma y'italiki Amerika yafatiyeho ubwo butaka, cyangwa umuntu ufite ababyeyi badfite ubwenegihugu. Abanyamerika bose ni natiyonari, ariko siko buri munyamerika nasiyonali ari umwene gihugu.

Dore ibiranga umunyamahanga bemewe:

- Abemerewe n'itegeko kuba muri Amerika (abafite "Green Card")
- Abasaba ubuhungiro, impunzi, abanyamahanga bategereje gusubizwa aho baturutse
- Abanyamahanga bemerewe kuza muri Amerika umwaka umwe.
- Abanyamahanga bemerewe kwinjira by'agateganyo (kw'itegeko ryatanzwe mbere y'italiki ya mbere z'ukwezi kwa kane 1980)
- Abaturutse muri Cuban/Haitian
- Abanyamahanga bamwe na bamwe bakorewe ibikorwa by'iyica rubozo cyangwa bahohotewe n'ubucuruzi bw'abantu, harimo n'abantu bafite visa ya "T" cyangwa "U".

Mu gihe usaba imfashanyo ariko ukaba udafite ubwenegihugu cyangwa se impapuro zikwiriye zo gutura muri Amerika, urwo rugo rushobora gusaba izindi mfashanyo za IHP niba:

- Uwo babana mu nzu, niyo yaba ari umwana mutoya, yujuje ibisabwa mu gihe barimo kwiyandikisha
- Umubyeyi cyangwa urera umwana muto utuye mu rugo rumwe, ashobora gufasha uwo mwana gusaba imfashanyo mw'izina ry'umwana ufite ubwene gihugu, cyangwa umunyamahanga wujuje ibyangombwa. Umwana muto agomba kuba munsi y'imyaka 18 guhera ku munsi wa mbere wibyabaye cyangwa umunsi Ibiza byatangarijweho, gufata itariki y'ikibaye imbere y'ikindi.

FEMA

Abantu bagombye kugisha inama impuguke y'abinjira n'abasohoka mu gihugu kugira ngo bamenye niba bujuje ibyangombwa by'ubufasha bw'ibiza ya FEMA.